# Yesu Kristo ni nde? (Igice cya 1)

Bishingiye ku gice cya 4 cy'igitabo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?* kiboneka ku rubuga rwa jw.org/rw.

**INTEGO: Suzuma ibyo wizera n'impamvu ubyizera, usuzume icyo Bibiliya yigisha, maze urebe uko wasobanurira abandi ibyo wizera.**

## ESE YESU YARI UMUNTU MWIZA GUSA?

### 1 SUZUMA IMYIZERERE YAWE

Kuki hari abantu babihakana?

Kuki hari ababyemera?

*Wowe* wizera ko bimeze bite?

Kuki ari uko ubyemera?



www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

## 2 SUZUMA ICYO BIBILIYA YIGISHA

**Ni iby'ingenzi ko tumenya ukuri ku byerekeye Yesu.**
(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 4, paragarafu ya 1-3.)

### Soma muri Yohana 17:3.

Dukurikije uyu murongo, 'kumenya' Yesu (na Se) bidufitiye akahe kamaro?

_____

_____

_____

### Soma muri Yohana 14:6.

Ese umuntu ashobora kuzabona ubuzima bw'iteka kandi atazi ukuri ku birebana na Yesu? Niba ari byo sobanura, kandi niba atari byo usobanure.

_____

_____

_____

**Nk'uko ibintu bigaragara ku ifoto bigufasha kumenya uyiriho uwo ari we, ni na ko ubuhanuzi butandukanye buri muri Bibiliya budufasha kumenya Mesiya uwo ari we**



www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

## Yesu yoherejwe na Se hano ku isi kugira ngo abe Mesiya wari warasezeranyijwe. (Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 4, paragarafu ya 4-9.)

### Soma muri Mika 5:2 no muri Matayo 2:1, 3-6.

Ni mu buhe buryo kuvuka kwa Yesu byashohoje ubuhanuzi bwavugaga uwari warasezeranyijwe?

### Soma muri Matayo 3:16, 17 no muri Yohana 1:32-34.

Kuki Yohana Umubatiza yari yizeye adashidikanya ko Yesu yoherejwe n'Imana?

Ni iki kikwemeza ko Yesu ari we Mesiya wasezeranyijwe?



www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

## 3 SOBANURIRA ABANDI IMYIZERERE YAWE

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI…

**Yesu ni umuntu mwiza gusa wigeze kubaho.**

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI…

**Nanjye nemera ko Yesu yari umuntu mwiza. Ariko numva atari ibyo gusa, kubera ko…**

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI…

**Yesu si we Mesiya wari warasezeranyijwe; gusa yagiye ashakisha uko yakora ibihuje n'ibyahanuwe kugira ngo atume abantu *bakeka* ko ari we.**

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI…

**Abantu benshi bashobora kuba ari uko babyumva. Ariko iyo biba bimeze bityo, dore kimwe mu bintu atari gushobora kugira icyo akoraho…**

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____



www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania